

MEADOWDALE CTC

IKORWA RY'IBIKORESHO RITEYE IMBERE

Guhanga, kugena imiterere no gukora ibikoresho n'ibice by'ibikoresho ku bwinshi cyangwa ibikenewe mu ikorwa ry'ibintu. Gukoresha ikoranabuhanga riteye imbere rigenzurwa na mudasobwa mu guhanga ibice by'ibikoresho bikoze mu byuma, aluminiyumu na pulasitiki. Gukora buri muni hakoreshe ibikoresho n'uburyo bimwe nk'abayoboye abandi mu cyiciro cy'umurimo.

UBUMENYI BW'IBINYABUZIMA BWIFASHISHWA MU BUVUZI

Kugira uruhare mu bikorwa by'amaboko bishishikaje no gukorera hamwe kugira ngo hashakwe ibisubizo by'ibibazo isi nyayo ifite. Gukoresha ubushakashatsi bw'ubumenyi mu ngeri z'ubumenyi bw'udukoko duto, ubutabire bwifashishwa mu binyabuzima, ikoranabuhanga mu by'isanomuzi, ibikenewe mu buvuzi, ubumenyi bw'ubudahangarwa bw'imibiri y'ibinyabuzima, n'imbenezabitekerezo mu bumenyi bw'ibinyabuzima n'ubuvuzi. Gukarishya ubumenyi mu bya laboratwari nk'ipimwa ry'ingano y'amatebambuzi hakoreshejwe mikoropipete, uburyo bw'ikumirabwandu, ubuhanga mu bumenyi bw'utunyangingo tw'ibinyabuzima, uburyo bwo kongerera ubudahangarwa isahani ya agar igenzurirwamo udukoko duto no kuyisigahi ibinyabutabire bikenerwa, gusuzuma ibimenyetso by'ingenzi.

UBUCURUZI

Kunguka ubumenyi bw'ibanze ku bucuruzi bw'isi, harimo ubukungu, kugira no kubyaza umusaruro igikorwa cy'ubucuruzi, iyamamazabicuruzwa, n'igenamigambi ku mikoreshereze y'imari ryihariye ku muntu. Kwiga no gukoresha ikoranabuhanga na porogaramu za mudasobwa by'ingenzi mu bucuruzi kugira ngo ubone impamyabushobozi z'inzobere muri porogaramu ya Microsoft Office.

UMUTEKANO WO KURI MURANDASI

Gutahura ibitero byo kuri murandasi no kubirinda sisitemu zikoresha murandasi. Kubaka no kunganira urusobemiyoboro rw'ikoranabuhanga. Guhuza ibikoresho by'ikoranabuhanga bikoreshwa n'abantu no kubihuza na murandasi.

ISHUSHANYA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA

Gucukumbura porogaramu z'ikoranabuhanga ziri inyuma y'ihangwa ry'ishushanya ryiza cyane rigezweho muri iyi minsi. Kugira ubunararibonye mu gukora ubufotozi bw'ikoranabuhanga hakoreshejwe ibikoresho by'ubugeni. Kwiga uko bahanga ndetse bagakora imbuga zo kuri murandasi zigezweho zikoreshwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga bigendanwa no kuri mudasobwa zo mu biro.

UBUMENYI BWITA KU MIKORERE Y'INGINGO Z'UMUBIRI

Gucukumbura byagutse ubumenyi bwita ku mikorere y'ingingo z'umubiri, ingufu z'umubiri n'ubuvuzi bw'igororangingo. Kwiga kurwanya no kuvura ibikomere hakoreshejwe uburyo bushingiye ku mahame y'ubumenyi bw'imiterere y'umubiri n'ubumenyi bw'imikorere y'umubiri. Abanyamwuga mu bijyanye n'ubumenyi bwita ku mikorere y'ingingo z'umubiri barakenewe kugira ngo bakemure ikibazo cy'ibikenewe mu mibereho myiza rusange y'abaturage.

IKORANABUHANGA

Kubona ubumenyi bukoreshwa mu bijyanye na mudasobwa, harimo ibice by'inyuma ha mudasobwa na porogaramu zo muri yo. Kwiga gushyira muri mudasobwa ibyuma biyigize, kubikora igihe byapfuye, no gukemura ibibazo byagize. Gukora ibikorwa byo kugumisha imikorere ya mudasobwa kuri gahunda. Gushyira mu mwanya ibikoresho by'urusobemiyoboro rw'ikoranabuhanga n'ibikoreshanywa na mudasobwa, kubigenera imikorere no gukemura ibibazo byagize.

GUTUNGANYA IMIGARAGARIRE Y'AHANTU

Abanyeshuri baziga ibihingwa, indabo n'ibimera bizwi cyane bikoreshwa mu gutunganya imigaragarire y'ahantu kimwe no kubyitaho. Abanyeshuri baziga ubumenyi bwo gukora ibishushanyo mbonera, ibigereranyo no gutunganya imigaragarire y'ahantu. Abanyeshuri baziga gukora isukamazi n'isakazarumuri by'ubwiza.

IMBANZIRIZABUFOROMO

Kugira ubumenyi bwo kwita ku bantu barwaye, bakomeretse cyangwa bamugaye. Kwimenyereza umwuga mu bitaro cyangwa mu bigo bibamo abari mu izabukuru bayobowe n'amaforomo cyangwa abaganga. Gucukumbura byagutse imirimo ya kiganga binyuze mu kwimenyereza gukorera muri laboratwari, kwimenyereza imirimo y'ubuvuzi, n'andi masomo ajyanye na byo. Kugira imyitwarire mu kazi ya kinyamwuga n'ihanahanamakuru n'ubumenyi bwo kwita ku barwayi.

KUBAKA POROGARAMU ZA MUDASOBWA NO GUKORA IMIKINO YO MURI MUDASOBWA

Kwiga iby'ibanze mu kubaka za porogaramu ziciriritse zihanahanirwaho amakuru. Kwitegura kubaka no kwandika imikino hakoreshejwe porogaramu na apurikasiyo z'ubucuruzi n'izifite kode zemerewe guhindurwa n'uwo ari we wese. Kwiga imyubakire y'ururimi rusanze rwandikwamo kode za porogaramu mu cyiciro cy'ikoranabuhanga, kugira ngo bandike porogaramu zirimo ibyiciro, uburyo bw'icyiciro, n'ingero z'icyiciro. Kwiga uburyo bwo kugenzura ukwinjizwa kw'amakuru, impinduramashusho, gutahura igongana, n'imikorere y'umukino.

INDERABAREZI

Gucukumbura icyiciro cy'uburezi n'ubundi buryo bw'imikorere bujyanye na bwo mu bice by'imijyi. Kubona imigaragarire yimbitse y'umwuga wo kwigisha binyuze mu bikorwa bishingiye ku mishinga no ku myigishirize ijyana n'umuco.

PONITZ CTC

UBUVUZI BWO KURINDA ABANTU INDWARA KUZISUZUMA NO KUZIVURA

Kugira ubumenyi bwo kwita ku bantu barwaye, bakomeretse cyangwa bamugaye. Kwimenyereza umwuga mu bitaro cyangwa mu bigo bibamo abari mu izabukuru bayobowe n'amaforomo cyangwa abaganga. Gucukumbura byagutse imirimo ya kiganga binyuze mu kwimenyereza gukorera muri laboratwari, kwimenyereza imirimo y'ubuvuzi, n'andi masomo ajyanye na byo. Kugira imyitwarire mu kazi ya kinyamwuga n'ihanahanamakuru n'ubumenyi bwo kwita ku barwayi.

IKORANABUHANGA RY'UBUKANISHI BW'IBINYABIZIGA

Kumenya ibibazo ibinyabiziga byinshi bifite, kubyitaho no kubikanika. Gukoresha ibikoresho bisuzuma ikinyabiziga biteye imbere kugira ngo bakemure ibibazo bifite ndetse bakanike urusobe rw'imikorere y'ikinyabiziga ari na ko biga ubumenyi bwo guha serivisi abakiriya.

IKORANABUHANGA RYIFASHISHA IBINYABUZIMA MU GUKORA IBICURUZWA

Kuvumbura uko ibinyabuzima bibaho nk'utunyangingo, ibimera n'inyamaswa bishobora gukoreshwa mu gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe bijyanye n'icyaha, inzara, ibidukikije, imirire n'ubuzima. Gukoresha ubushakashatsi bwa siyansi mu ngeri z'ibiyanye n'imiti, ubuziranenge bw'amazi, ubuvuzi bwifashishwa mu gutahura icyaha, ubuvuzi bushingira ku binyabuzima, ubumenyi bw'ibimera, ubushakashatsi, ubumenyi mu by'imirire, n'ubumenyi bw'utunyanguzima duto. Gukarishya ubumenyi mu bya laboratwari nk'ipimwa ry'ingano y'amatembabuzi hakoreshejwe mikoropipete, uburyo bw'ikumirabwandu, gusuka, kongerera ubudahangarwa isahani ya agar igenzurirwamo udukoko duto no kuyishyiraho ibinyabutabire bikenerwa.

UBUCURUZI

Kunguka ubumenyi bw'ibanze ku bucuruzi bw'isi, harimo ubukungu, kugira no kubyaza umusaruro igikorwa cy'ubucuruzi, kubushyira ku rwego rw'isi, imenyakanishabicuruzwa, n'igenamigambi ku mikoreshereze y'imari ryihariye ku muntu. Kwiga no gukoresha ikoranabuhanga na porogaramu za mudasobbwa by'ingenzi mu bucuruzi kugira ngo ubone impamyabushobozi z'inzobere muri porogaramu ya Microsoft Office. Kuzamura urwego rw'ubumenyi bwa kinyamwuga n'ubushobozi bujyanye na bwo bwo guhitamo umurimo no kuba uwahabwa akazi mu mirimo inyuranye y'ubucuruzi. Gukora no gushyira mu bikorwa amagenamigambi y'iyamamazabicuruzwa n'icungamutungo afite ubushobozi bwo gukemura imbogamizi ziba mu bucuruzi bw'isi.

IKORANABUHANGA MU BY'UBWUBATSI

Kwiga iby'ibanze mu guteranya ibiti, harimo guteranya neza ibiti cyangwa ibyuma, gushyira amadirishya n'inzugi mu nzu, amadarajya, n'igisenge. Abanyeshuri baziga kandi gukora ibishushanyo mbonera hifashishijwe mudasobwa kandi bazagira ubushobozi mu guhindurira imiterere y'inyubako no kuvugurura.

UBUMENYI BWO KWITA KU BWIZA BW'ABANTU

Iyi gahunda yashyizweho ku bwumvikane n'urwego rw'igihugu rw'ubumenyi bwo kwita ku bwiza bw'abantu. Umunyeshuri agomba kwiga amasaha 1500 y'amasomo mu ishuri, kugira ngo yemererwe gukora ikizamini cya Leta kimuhesha impamyabushobozi.

UBUTABERA MPANABYAHA

Abanyeshuri bazagira uruhare mu bikorwa byo mu cyiciro cy'ubutabera mpanabyaha. Abanyeshuri bazabona ubumenyi ku kwambika amapingu, kutamburwa intwari, no gukura ikinyabiziaga ahabereye impanuka, kimwe n'ibwiriza ryo kudakoresha ingufu z'umurenge.

UBUMENYI BWO GUTEKA NO GUTEGURA AMAFUNGURO

Gutegura ibyo kurya, keke, n'imigati bya kinyamwuga no kubitegura ku meza mu buryo bunogeye ijisho. Gutegura, gutunganya, no gutegura ku meza amafunguro afatwa n'abantu bisanzwe cyangwa mu birori by'abifite. Kuba inkingi ya mwamba mu itsinda ritegura amafunguro yuzuye n'ibikorwa byo kugaburira abantu bifite umwihariko.

KUNGANIRA MUGANGA W'AMENYO

Kugira ubushobozi bwa ngombwa bwo kunganira abaganga b'amenyo n'abashinzwe isuku mu kwita ku barwayi, mu mirimo yo mu biro, n'inshingano zo muri laboratwari. Kwiga kwigisha abarwayi ibijyanye n'isuku yo mu kanwa, kuvanga ibikoresho by'ubuvuzi bw'amenyo, gutegura no gukoresha ibyuma by'ubuvuzi bw'imirasire mu kanwa, kugenzura ubwandu, kwica udukoko tw'ubwandu no kunganira muganga w'amenyo mu gikorwa cyo kuvura iryinyo cyangwa cy'ubuvuzi bwihutirwa. Kumenya imirimo rusange yo mu biro, kubika amakuru y'umurwayi no kubika amakuru y'ubuzima bw'amenyo y'umurwayi.

IKORANABUHANGA RYO MU BUKANISHI

Ritegurira abanyeshuri kuba abahangadushya n'abayobozi batanga umusaruro bakoresheje amahame y'ubukanishi, imibare, n'ubushobozi bw'imitekerereze isesengura. Abanyeshuri bayoborwa mu nzira z'ubukanishi ndetse bakiga ubumenyi bukenewe cyane mu bukungu bw'isi.

UBUGENI MPANGABISHUSHANYO BISHYIRWA KU MPAPURO

Gucukumbura ibijyanye n'uruhando rw'itumanaho ry'inyandiko zishushanyije. Kugira ubumenyi mu gushushanyisha mudasobwa, ubufotozi, gushyira ibyashushanyijwe ku mpapuro cyangwa ku bitambaro binyuze mu komeka, n'ibikorwa byo gushyira ibyashushanyijwe na mudasobwa ku mpapuro nini cyane.

UBUMENYI BW'ITANGAZAMAKURU

Abanyeshuri biga amahame y'itunganywa ry'amakuru mu buryo bw'amajwi, amashusho, n'iyamamazabicuruzwa bakoresha sitidiyo ya televiziyo irimo ibikoresho byose, laboratwari itunganyirizwamo amashusho, sitidiyo ya FM, n'ibyumba bitunganyirizwamo amajwi. Iyi gahunda y'amasomo yateguriwe kubaka ubushobozi kugira ngo abanyeshuri ubwabo babe babasha gutegura amashusho n'amajwi byo gutambutsa. Abanyeshuri bazazamura urwego rw'ubushobozi bwabo mu guhanga ndetse banacukumbure isi binyuze mu mboni y'itangazamakuru.

UMUKOZI WO MURI FARUMASI

Gucukumbura byagutse amahame y'ibijyanye na farumasi, ibijyanye n'umwuga, n'ubushobozi bukenewe kugira ngo umuntu abe umukozi wo muri farumasi. Abanyeshuri baziga uko basoma, basesengura ndetse batanga imiti yanditswe na muganga. Baziga uko imiti ishyirwa mu byiciro n'uko itangwa. Abanyeshuri baziga ingaruka imiti igira ku mikorere itandukanye y'umubiri, imikoranire y'imiti, ingaruka z'ikoreshwa ry'imiti n'ubushobozi bwayo bujyanye n'ingano y'imiti ifatwa.

BELMONT HS

KURWANYA INKONGI NO KUBA UMUKOZI UTANGA UBUTABAZI BWIHUTIRWA MU BUVUZI (EMT)

Abanyeshuri bazakorana n'abasangwa bwa mbere ahabereye igikorwa cy'ubutabazi mu baturage. Abanyeshuri baziga gusesengura uburyo bwo kurwanya ubwoko butandukanye bw'inkongi z'inyubako n'ibikorwa bijyanye na byo. Abanyeshuri baziga mu buryo bwagutse gukoresha ibikoresho byo kurwanya inkongi, ibyo gucunga umutekano no kurokora ubuzima, bigira kubona impamyabushobozi ku kurwanya inkongi no gutanga ubutabazi bwihutirwa mu buvuzi.

STIVERS SCHOOL OF PERFORMING ARTS

SINEMA MU IKORANABUHANGA RIGEZWEHO

Abanyeshuri baziga imbanzirizamushinga y'itunganywa ry'igihangano, itunganywa ry'igihangano, n'inozagihangano rya nyuma y'itunganywa by'amoko atandukanye ya za filime ngufi. Abanyeshuri baziga kunonosora igihangano byo ku rwego rwa kinyamwuga, porogaramu za mudasobwa zongera ibirungo bidasanze mu gihangano, no gukoresha kamera zifata amashusho y'ubwoko bwa HD.

UBUFOTOZI

Kwiga ikoranabuhanga rigezweho no gusobanukirwa ubufotozi bw'ubugeni n'ubwo mu nzu itunganya amafoto. Kungukira umusingi ukomeye mu masomo asobanura, ay'ishyira mu bikorwa n'ayo mu nzu itunganya amafoto. Kwiga imisingi y'ubufotozi bwa gakondo bwo mu cyumba cyijimye n'ubufotozi bw'ikoranabuhanga rigezweho, gusohora amafoto ku mpapuro zabugenewe, gukoresha amatara ntangarumuri mu nzu ifotorerwamo, urwunge rwa porogaramu zitunganya amafoto rwa Adobe Creative Suite, na porogaramu zikorera kuri murandasi.

GUHANGA NO GUTUNGANYA AMAKINAMICO

Iyi gahunda y'amasomo ikubiyemo inyigisho zo guhanga no gutunganya ibijyanye na tekini by'amasomo y'ubuhanzi butaramira abantu. Aya masomo ategurira abanyeshuri imirimo myinshi itandukanye irimo: gukora ibijyanye no gutunganya ikinamico ya Broadway, gukora mu mashami atunganya filime n'amashusho acishwa kuri televiziyo, kugenzura imigendekere y'ibirori byagutse, n'ibitaramo bizenguruka hirya no hino.